**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00002/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 8 w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe **RUGANZU Obed**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **MUKARUGWIZA Judith**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko abitwa

**- MFASHABAHIZI Bernard mwene KABOYI Hezekiya na MUKARETA Immaculee, wavutse 1977, avukira mu mudugudu wa Mugohe, akagali ka Shara, umurenge wa Kagano, akarere ka Nyamasheke, Intara y'iburengerazuba akaba ariho atuye**

**- MUKANKUSI Jeanne mwene UKURIKIYINKA Petero na NYIRANTUREGE Petronille, wavutse 1980, avukira mu mudugudu wa Gisunzu, akagali ka Shara, umurenge wa Kagano, akarere ka Nyamasheke, atuye mu mudugudu wa Mugohe, akagali ka Shara, umurenge wa Kagano, akarere ka Nyamasheke, Intara y'iburengerazuba akaba ari atuye**

Ikirego barezwe kikaba gifite N0 RP 00200/2020/TGI/RSZ , bakurikiranweho icyaha :

**UBUSHOREKE**, icyaha giteganwa kandi kigahanishwa ingingo ya 138 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

,Bakaba bararezwe nk'abihishe cyangwa batorotse ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **MFASHABAHIZI Bernard na MUKANKUSI Jeanne** bagomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **20/04/2021** saa mbiri za mu gitondo aho urwo Rurukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, batakwitaba bigafatwa ko basuzuguye amategeko, maze bagacirwa urubanza badahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi. .

Igihe giteganijwe mu ngingo ya 160 y'itegeko N0 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha gitangira kubarwa kuva ku munsi icyi cyemezo cyafatiweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe hejuru.

| | |
|---|---|
| **RUGANZU Obed** | **MUKARUGWIZA Judith** |
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |